RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

# ITANGAZO

Ku wa 04 Kanama 2026

Hashingiwe ku Itegeko N° 003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Kugenzura Ibiribwa n'Imiti mu Rwanda (Rwanda Food and Drugs Authority - Rwanda FDA), kandi rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ingingo yaryo ya 9 (2);
Hashingiwe ku bugenzuzi bwakozwe ku iyubahirizwa ry'amabwiriza agenga ubuziranenge;
Hashingiwe kandi ku matangazo yerekeye ifungwa ry'inganda zikora ibinyobwa bisembuye zigaragara ku Mugereka wa I n'Umugereka wa II w'ayo matangazo;
Mu rwego rwo kurengera ubuzima n'umutekano by'abaturage, Rwanda FDA iramenyesha abakora, abatumiza, abageza ku isoko, abacuruza ndetse n'abaturage muri rusange, ko hafashwe ingamba zikurikira kandi zigomba kubahirizwa uhereye igihe iri tangazo risohokeye:

1. Rwanda FDA ifunze inganda zikora ibinyobwa bisembuye ziri ku rutonde ruri ku Mugereka wa III, kandi ikuyeho impushya zose zari zarahawe izo nganda zo gukora ibyo binyobwa.
2. Rwanda FDA itegetse ko ibinyobwa byose bikorwa n'izo nganda ziri ku rutonde ruri ku Mugereka wa III bikurwa ku isoko.
3. Rwanda FDA itegetse abakora ibyo binyobwa guhita babikura ku isoko bakimara kubona iri tangazo.
4. Rwanda FDA itegetse ba nyir'izo nganda guhita basaba abakwirakwiza ibyo binyobwa ku isoko ibi bikurikira:
    - Gukusanya ibyo binyobwa no kubikura ku babiranguye,
    - Gusubiza ibinyobwa byose bisigaye ndetse n'ibyakusanyijwe aho byakorewe.
5. Abakora ibyo binyobwa bategetswe kugeza ku Kigo cy'Igihugu gishinzwe Kugenzura Ibiribwa n'Imiti mu Rwanda raporo y'igikorwa cyo kubikusanya mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uhereye igihe iri tangazo risohokeye.
6. Abakwirakwiza n'abacuruza ibinyobwa biri ku Mugereka wa III, bategetswe guhita bahagarika kubikwirakwiza no kubigurisha, ndetse bagasubiza ibinyobwa bisigaye ku babibahaye, baba ababikwirakwiza cyangwa ababikora uhereye igihe iri tangazo risohokeye.
7. Kutubahiriza aya mabwiriza bizatuma hafatwa izindi ngamba ziteganywa n'amategeko n'amabwiriza abigenga.
8. Rwanda FDA irasaba abanywa ibi binyobwa biri ku Mugereka wa III kubihagarika.
9. Ibikorwa byose byamamaza ibinyobwa bisembuye bigaragara ku Mugereka wa I, Umugereka wa II, n'Umugereka wa III, bigomba guhita bihagarara ndetse n'ibyapa bibyamamaza bigahita bikurwaho aho biherereye hose mu gihugu.

**Icyitonderwa:**
Urutonde rw'izindi nganda zizafatirwa ingamba ruzatangazwa mu gihe gikwiye, uko ibikorwa byo kugenzura no kubahiriza amabwiriza bigenda bikorwa.

Rwanda FDA ibashimiye uko mwakiriye iri tangazo n'ubufatanye bwanyu mu kuryubahiriza.

## Umugereka wa III – Urundi rutonde rw'inganda zikora ibinyobwa bisembuye zafunzwe n'ibinyobwa byazo bigomba gukurwa ku isoko

| | Izina ry'uruganda | Ibinyobwa rukora |
|---|---|---|
| 1 | **Advent Group Ltd** | 1. Mojo Gin<br>2. Marksman Gin<br>3. Marksman Whisky<br>4. Covort Gin<br>5. Mambo Waragi Gin<br>6. Swag Vodka<br>7. Mambo Vodka<br>8. Swag Whisky<br>9. Grandshire Whisky<br>10. Mambo Whisky<br>11. Golden Barrel Whisky<br>12. Cavort Waragi Gin |
| 2 | **Speranza Group Ltd** | 1. Speranza Waragi Coconut<br>2. Speranza Karahiye Tangawizi Rum<br>3. Speranza Waragi<br>4. Speranza Coffee Rum<br>5. Super Gin Ordinary<br>6. Speranza Icumu Dry Gin<br>7. Speranza Captain Whisky<br>8. Millenium Hills Blended Whisky<br>9. Speranza Malaika Cream Liqueur |
| 3 | **Unique Beverages Ltd** | 1. Unique Beverages/Heritage Cream Liqueur<br>2. Unique Beverages/Indiko Gin<br>3. Unique Beverages/Indiko Gin Pineapple Flavour |
| 4 | **Gisagara Agro-Business Industries Ltd** | 1. GABI Gin<br>2. FHIA Banana Based Alcoholic Beverage<br>3. Poyo Indakamirwa Butunda |
| 5 | **Umuhonge Co. Ltd** | 1. Umuhonge Banana Based Alcoholic Beverage<br>2. BUENO Ginger Flavoured Alcoholic Drink<br>3. Umuhonge Banana Based Alcoholic Beverage |
| 6 | **Life Holistic Ltd** | Uruvange Ginger Flavoured Alcoholic Drink |
| 7 | **UTAMU WA KAZI Ltd** | Hill Plant Ginger Flavored Alcoholic Drink |
| 8 | **NA-AP Ltd** | Umwiha Ginger Flavoured Alcoholic Drink |

| | | |
|---|---|---|
| 9 | **Ste Catherine Ltd** | Inshuti Divayi y' Inanasi n' Amatunda |
| 10 | **Icyizere Group Company Ltd** | Nkuramire Ginger Flavoured Alcoholic Drink |
| 11 | **NCWC Company Ltd** | 1. Akanoze Soft Drink<br>2. NCWC Wine |
| 12 | **Akahebuje LTD** | 1. Mpanguhe Banana Based Alcoholic Beverage<br>2. Nabananjye Banana Based Alcoholic Beverage |
| 13 | **Bwiza Coffee Group Ltd** | OASIS wine |
| 14 | **Akiwacu NB&GE Ltd** | 1. Agahimbazamusyi Banana Based Alcoholic Beverage<br>2. Igicumbi Ginger Flavoured Wine |
| 15 | **Super Sharp Multi Business Ltd** | Zoka Ginger Flavoured Alcoholic Drink |
| 16 | **MK Icyuzuzo Ltd** | MK & Verano Ginger Flavoured Alcoholic Drink |
| 17 | **Iryamukuru Wine Ltd** | 1. Iryamukuru Banana Based Alcoholic Beverage<br>2. Iryamukuru Ginger flavoured Alcoholic Drink |
| 18 | **White Gate Link Ltd** | 1. Marshall Ginger Flavoured Alcoholic Drink<br>2. Itetere Banana Based Alcoholic Beverage |
| 19 | **Ihuriro Drink Ltd** | 1. Yuliyana Banana Based Alcoholic Beverage<br>2. Yuliyana Urwagwa |
| 20 | **Ishya Brewing Company Ltd** | 1. Ishya Coffee Flavoured Alcoholic Drink<br>2. Ishya Hibiscus Flavoured Alcoholic Drink |
| 21 | **Impano Products Ltd** | Impano Based Alcoholic Baverages (Ishimwe) |
| 22 | **Akanyamuneza Ltd** | 1. Akanyamuneza Banana Based Alcoholic Beverage<br>2. Urukundo Ginger Flavoured Alcoholic Drink |
| 23 | **Ganira Neza Ltd** | Ganira Wine |
| 24 | **East Stone Beverage Ltd** | Umutare Ginger Flavoured Alcoholic Drink |
| 25 | **Akanoveri Company Ltd** | Iyunvire Pineapple Wine |
| 26 | **Akengetse Ltd** | Ligalo Tangawizi Flavoured Alcoholic Drink |
| 27 | **Akamaro Ltd** | Intaramanwa Ginger Flavoured Alcohol Drink |

**Icyitonderwa:**
Ibindi binyobwa byose bisembuye bitagaragara kuri uru rutonde ariko byakozwe n'inganda ziri kuri uru rutonde rwavuzwe haruguru, na byo bigomba gukurwa ku isoko.